
No109 Kanama 2015

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA YAMURITSE IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

Mu rwego rwo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki irigize binyuze mu mahugurwa atandukanye; ku wa kabiri tariki ya 18 Kanama 2015, Ihuriro ryateguye inama nyungu-ranabitekerezo yahuje abayobozi ba Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego n'abayobozi bashinzwe amahugurwa mu Mitwe ya politiki. Iyi nama yaganiriye kuri raporo y'isesengura rya Gahunda z'amahugurwa zigenerwa Imitwe ya Politiki, muri gahunda yaryo yo kurushaho kunoza gahunda z'amahugurwa zitegurwa n'Ihuriro k'ubufatanye n'Imitwe ya politiki.



*Abitabiriye Inama*

Muri gahunda zaganiriweho ari nazo zibanzweho mu bushakashatsi ni "Party Leadership Development Program":

(1) "Gahunda y'amahugurwa yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki bwo kwiyubaka no kunoza imiyoborere yayo, yari igenewe abayobozi bakuru b'Imitwe ya Politiki n'Abandi banya-politiki bari mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi n'Inteko Ishinga Amategeko; gahunda yatangiye 2005 igeza 2007".

(2) "Gahunda ya "Youth Political Leadership Academy": Gahunda y'Ishuri ry'urubyiruko muri politiki n'ubuyobozi "YPLA" yatangiye kuva Gashyantare 2010 kugeza Kamena 2014, rikaba rimaze kwigwamo n'abasore n'inkumi baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, bose hamwe bagera 800".

(3) "Gahunda ya "Local Party leadership Training program "IPLP": Gahunda y'amahugurwa aciriritse agenewe abayobozi mu Mitwe ya politiki mu nzego z'ibanze zayo bize amashuri aringaniye. Iyi gahunda igenewe cyane cyane abashinzwe amahugurwa n'ubu-kangurambaga mu Mitwe ya Politiki. Yatangiye muri Gashyan-tare 2014 kugeza Kamena 2014, hakaba hamaze guhugurwa abayobozi 1311 baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro".

(4) "Gahunda ya "Gender Leadership Program": gahunda ikorwa mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko buri Mutwe wa Politiki ugomba kuba ufite nibura abagore bangana na 30% mu myanya itorerwa y'ubuyobozi nk'uko biteganywa n'amategeko". Ihuriro rikaba ryarateguye aya mahugurwa mu rwego rwo guhuza abagore muri buri Mutwe wa Politiki bagasobanurirwa uruhare rw'umugore mu buyobozi n'iterambere ry'Igihugu ndetse no kubatinyura kwiya-mamariza imyanya itorerwa bashingiye ku buhamya bwa bagenzi babo b'abayobozi.

Hari kandi Gahunda y'amahugurwa ku Itumanaho n'iko-reshwa ry'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki.

Muri iyi nama, abayitabiriye bibukijwe ko Komisiyo ishin-zwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego ari yo yakusanyije ibitekerezo mu Mitwe ya politiki byafasha mu kunoza gahunda z'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro.

Mu gusobanura iby'ubu bushakashatsi Perezidante w'iyi Komisiyo wari uyoboye ibi biganiro yabwiye ababyi-tabiriye ko ibyavuye muri ubu bushakashatsi bikubiye mu bice bitatu aribyo igice cya mbere kigaragaza Intego z'ubushakashatsi n'uburyo bwakoreshejwe mu guku-sanya amakuru; igice cya kabiri kigizwe n'ibyagaragajwe n'ubushakashatsi nyir'izina n'aho igice cya gatatu kigara-gaza imbogamizi gahunda z'amahugurwa zihura nazo, igikwiye gukorwa kugira ngo gahunda z'amahugurwa zirusheho kunozwa, ndetse na gahunda zindi z'amahu-gurwa Imitwe ya politiki yifuza ko zakwiyongera kuzisan-zwe.

Mu myanzuro, abitabiriye ibi biganiro bashimye uburyo ubu bushakashatsi bwakozwe, basaba ko hanozwa uburyo bw'ihanahanamakuru n'ihuzabikorwa (coordination) kugira ngo buri gahunda y'amahugurwa igere ku ntego zemejwe.

Abitabiriye ibi biganiro bemeje kandi Imitwe ya politiki yarushaho gukomeza kujya ikurikirana abarangije ama-hugurwa, bakamenya aho bari, bakagira uruhare mu gu-komeza kubaka Imitwe ya politiki yabo n'Igihugu muri rusange.



*Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro (Iburyo)*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yasoje inama asaba abayitabiriye gutangira ku gihe urutonde rw'abazitabira Gahunda y'Ishuri ry'urubyiruko muri politiki n'ubuyobozi "YPLA"izatangira muri uku kwezi kwa Nzeri.

## NFPO EXECUTIVE SECRETARY GIVES BRIEFINGS TO WOMEN GOING IN ISRAEL TRAINING ON "POLITICAL EMPOWERMENT OF WOMEN"



*Mr. Oswald BURASANZWE meeting the first round*

The UN WOMEN Rwanda has provided the NFPO with funding to support women representatives of eleven (11) Political Organizations and one (1) NFPO Staff to participate in the training course on "Political Empowerment of women", which will be held in Haifa, Israel. The training is organized by the Golda Meir Mount Carmel International Training Center (MCTC) in partnership with MASHAV- Israel's Agency for International Development Cooperation and in Cooperation with UN Women Eastern and Southern Africa Regional Office (ESARO). The first group of 6 women will attend the training in Israel from August 24- September 10, 2015, and the remaining 6 participants will attend the same training in February 2016

On this Tuesday, 18th/8/2015, the NFPO Executive Secretary Mr. Oswald BURASANZWE gives briefings to women from Political parties attending this training starting on 24 August.

"You are not only going to represent your political party but the country of Rwanda, you should adopt the right behavior and be sure to follow all courses and come back to empower other women from the political party you belong to and the country in general" Burasanzwe said.

On the other side, the six women elected among themselves the representative who will lead the Rwandan delegation during the training, Mrs WIBABARA Jennifer from RPF Inkotanyi.

MCTC was established by Israel's Agency for International Development Cooperation/MASHAV in 1961 to assist in the training of women engaged in community work in the newly emerging states in Africa. Since the establishment of MCTC, nearly 20,000 participants from more than 150 countries in Asia, Africa, Europe, Central Asia, Eastern Europe, Latin America, Middle East, Oceania, and the Caribbean have attended some 650 capacity building programs and 28 International Conferences for Women Leaders, conducted in Israel.

The objectives of the training will be Reviewing and analyzing supportive policies for the inclusion of women in decision making processes; Encouraging and supporting women to acquire the skills and knowledge necessary to enter politics and to advance in public life; Recognizing gender biases in local governance and obstacles to the equal participation of women; Sharing existing tools for running campaigns, public speaking, and additional communication skills; Enhancing confidence and skills needed to deliver training to diverse groups; Discussing the role of and opportunities for women in peace building, mediation, and conflict resolution; Learning about challenges and methods for fundraising by women; Becoming familiarized with the concept of transformational leadership in politics; Analyzing case studies in the areas of alliance building, networking, and building coalitions and Experiencing concrete examples of leadership training and women's empowerment in Israel through study visits.

## ABASHINZWE UMUTUNGO MU MITWE YA POLITIKI BASOBANURIWE UBURYO BWIZA BWO GUCUNGA UMUTUNGO NO GUTANGA RAPORO

Ku wa gatanu, tariki ya 28/08/2015, ku Cyicaro cy'Ihuriro, hateranye inama yahuje Abayobozi mu Ishyaka bashinzwe imari, Abanyamabanga bahoraho mu Mitwe ya politiki (Permanent Secretary) n'abakozi bashinzwe umutungo hamwe n'ab'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro.

Iyi nama yateguwe n'Ihuriro mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro n'amategeko n'amabwiriza agenga imikoreshereze y'imari.



*Abitabiriye inama*

Mu gutangiza inama, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yashimye abitabiriye ubutumire, abasaba kuza gutanga ibitekerezo byazagenderwaho mu micungire myiza y'umutungo muri buri rwego

Mu kungurana ibitekerezo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yabwiye abitabiriye inama ko nyuma y'uko Inama Rusange y'Ihuriro yateranye ku ya 12 Werurwe 2015 yemeje Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro, cyahise gitangira gushyirwa mu bikorwa. Abamenyesha ko rero hari impinduka mu micungire y'Umutungo w'Ihuriro zigomba kumenyeshwa Imitwe ya politiki.

Ku kiganiro cyatanzwe n'impuguke mu micungire y'umutungo n'ubugenzuzi Bwana SEMIGABO Eduard; yibanze ku buryo bunoze bwo gucunga umutungo mu Mitwe ya politiki. Yabibukije ko mu micungire y'umutungo, hari uburyo bwiza bwo gukoresha umutungo n'uburyo bubi. Uburyo bwiza bwagombye kuranga buri muntu wese ufite aho ahurira n'isohoka ryawo, n'ubwo kubahiriza amategeko n'amabwiriza bijyanye no gucunga imari.